Our Ref: 014/RRA/CCS/2025
Your Ref: ....................

Date: 26/11/2025

# ITANGAZO

**Igihe cyo gusaba gukurirwaho amahoro ya gasutamo no gutanga raporo z'ibihembwe**

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), Serivisi za Gasutamo, kiributsa abanyenganda bakenera serivisi zo gukurirwaho cyangwa kugabanyirizwa amahoro ya gasutamo ku bikoresho fatizo (duty remission), kubahiriza amatariki yo kohereza ubusabe bwabo no gutanga raporo z'ibihembwe.

Kohereza ubusabe bikorwa hakurikijwe gahunda ikurikira:

- Igihembwe cya 1: 15 Werurwe – 15 Mata
- Igihembwe cya 2: Kanama – 31 Kanama
- Igihembwe cya 3: 1 Ugushyingo – 30 Ugushyingo
- Igihembwe cya 4: 1 Gashyantare – 28 Gashyantare

Ibisabwa byose bitangwa binyuze kuri Komiseri wa za Gasutamo hifashishijwe ifishi ya R1, hakoreshejwe urubuga: https://drs.eac.int.

Nk'uko bisabwa n'itegeko, uruganda rwemerewe rusabwa gutanga raporo z'ibihembwe kuri Komiseri wa za Gasutamo, zigaragaza uko ibikoresho fatizo byakoreshejwe.

Amatariki ntarengwa yo gutanga raporo z'ibihembwe ni:

- Igihembwe cya 1: 30 Ukwakira
- Igihembwe cya 2: 30 Mutarama
- Igihembwe cya 3: 30 Mata
- Igihembwe cya 4: 30 Nyakanga

Abemerewe gukurirwaho cyangwa kugabanyirizwa amahoro ya Gasutamo barasabwa kubahiriza amatariki yavuzwe haruguru.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara serivisi za Gasutamo kuri 0788185676.

Mwumvaneza Felicien
Komiseri wa za Gasutamo

RWANDA REVENUE AUTHORITY * CUSTOMS SERVICES DEPARTMENT * RRA